# Inyigisho ya Nyiricyubahiro Antoni Cardinal KAMBANDA mu misa y'igitaramo cya Noheri , ku wa 24/12/2020

Noheri ni impamvu ikomeye y'ibyishimo kuko Umukiza yatuvukiye, aje kudukiza. Sekibi n'intwaro ye y'urupfu yigaruriye isi n'abantu, ibagira imbohe, abaheza ku ngoyi n'inkeke y'urupfu. Ubuzima niyo mpano ikomeye Imana yahaye abantu, ariko sekibi adushyira ku nkeke y'ubwoba, adukangisha urupfu ngo atwambure ubuzima, ya mpano ihatse izindi Imana yaduhaye. Turabibona muri iyi minsi y'icyorezo cya Covid 19, aho urufu rutwugarije nta bwisanzure dufite. Nko kuri iyi noheri, igitaramo nk'iki cya noheli twakagombye kuba turi muri kiliziya, twese dusingiza Imana, ariko twagumye mu rugo, kugira ngo turengere ubuzima. Umuremyi w'ijuru n'isi, Nyirukuduha ubuzima, yahisemo kwiyizira ubwe ku isi, ngo adukize, atubohore ku ngoyi ya Sekibi n'intwaro ye y'urupfu.

Igihe rero aje ku isi, yari yarigaruriwe na Sekibi, nta bamwakiriye, ntamwanya bamuhaye mu murwa mukuru, i Yeruzelemu, bityo yakirwa mu rugo. Mariya yaribyaje, Yozefu amufasha umwana, Yezu Mukiza yavukiye mu rugo. Ku buryo Noheri ari umunsi mukuru wo mu rugo. Noheri ni ibirori n'ibyishimo byo mu rugo, ni urugero rw'Urugo Rutagatifu rw'i Nazareti.

Bavandimwe, Covid 19 ntitwemere ko ituvutsa ibyishimo bya Noheri, tuyizihize neza mu rugo. Ngiyo rero impamvu ikomeye y'ibyishimo na Covid idashobora kutuvutsa. Umukiza yaje kudukiza, nyirubuzima yajye kuturokora. Araduha ubuzima burusha imbaraga urupfu. Nk'uko wa muririmbyi wa Boney M abivuga: *" Ubu ngubu umuntu azabaho iteka, kubera Noheri (A man will live forever more, because of Christmas Day."*

Nyagasani Umukiza atuvukira, yaje kudusangiza ku buzima bwe bw'iteka, kugira ngo tuzabeho iteka hamwe nawe.

Twumvise mu isomo rya mbere ukuntu Umuhanuzi Izayi, hari mu myaka 700 imbere ya Yezu, yahanuye ko abantu bagendaga mu mwijima, babonye urumuri nyamwinshi, abari batuye mu gihugu cy'icuraburindi urumuri rwabarasiyeho.

Bavandimwe amateka y'Umuryango w'Imana, Isiraheri,( kari agahungu gatoya, gaturanye n'ibihugu by'ibihangange, bikarusha imbaraga, kagahora ari isibaniro ry'intambara bakarwanira, bakakajyana bunyago, bakagasahura). Ni ishusho y'amateka ya muntu uhozwa ku nkeke y'ubwoba bw'urupfu. None rero Umukiza yaje. Mesiya wari utegerejwe kuzaba umucunguzi wa Isiraheli, akayiha umutekano, umuryango w'Imana ukisanzura, i Yeruzalemu bagasingiza Imana ntacyo bikanga. Uyu Mwami w'amahoro, uzana urumuri n'ibyishimo, niwe Mwana wa Noheri, Umukiza wacu watuvukiye, twizihiza. Imana idahangarwa, Umujyanama, Emmanuel-Imana turi kumwe, ariwe wahanuwe n'abahanuzi. Niyo mpamvu rero y'ibyishimo ku isi hose, twifurizanye Noheri nziza.

Igihe rero kigeze, isezerano ry'Umukiza, Mesiya uzaza biruzuzwa kuri Noheri. Ni umwana watuvukiye i Betelehemu twizihiza ubu ngubu. Ukuvuka kwe, si umugani ni mateka azwi yo ku ngoma y'umwami w'aba Roma, igihe ategeka ibarura ry'abaturage bose mu gihugu. Uyu muryango , Mariya na Yozefu,

wari waje kwibaruza ku ivuko, igihe kiba kirageze cy'uyu mubyeyi cyo kubyara, bamwima icumbi abashumba baba aribo bamwakira, mu kiraro cy'amatungo. Ab'isi ntibamenya ko ariwe Nyirijuru n'isi.

Avutse ku isi, Yezu bazi ukuzo rye, bazi uwo mwana awo ariwe, ibyishimo n'ibirori bikomeye, mu ijuru bisesekara hujuru y'uyu muryango wa Mariya na Yozefu aho ucumbitse i Betelehemu. Ab'isi basinziriye batazi ibyabaye.

Abashumba kubera ubuntu bwabo n'umutima mwiza, baramwakiriye bituma bagira amahirwe yo kubona ijuru ribakingurirwa, babona korari y'Abamalayika iririmba isingiza Imana, babona ikuzo ry'Imana. Abamalayika hejuru ya Betelehemu ku bw'uyu Mwana, hejuru y'uyu muryango wari ucumbitse i Betelehemu. Korali y'Abamalayika yaririmbaga, iti :"*Imana nisingizwe mu ijuru no ku Isi abantu b'ineza bagire amahoro. Mwigira ubwoba tubazaniye inkuru nziza, mwavukishije Umukiza, Nyirijuru, Nyirugutanga ubuzima."  Yaje ubwe, ngo adutsindire urupfu, arurandurane n'imizi yarwo yose."*

Hari ikirugu nigeze kubona ahantu, harimo ikirugu uko bisanzwe, umwana Yezu, Yozefu na Mariya n'abashumba n'amatungo, ariko njya kubona ikirugu gikomeza hiryaaa, hari n'umusaraba, n'ishusho ya Yezu ku musaraba, ndetse n'Izuka. Bivuga ukuvuka kwa Kristu, umugambi n'intego, byuzurizwa ku musaraba mu rupfu rwa Kristu yemera kudupfira akanazuka akadutsindira urupfu, bityo akadusangiza ubugingo bw'iteka. Niyo mpamvu y'ibyishimo bya noheri kuko Umukiza yaje kudukiza inkeke ya sekibi n'urupfu, yaje yiyoroheje nk'uruhinja, avuka mu muryango muto ubaho; ni ukuvuga urugo rwa babiri, Jozefu na Mariya, kandi wa muryango uri ku icumbi rya gikene, mu bakene, yakirwa n'abaciye bugufi, abashumba b'intamenyekana, kugira ngo umucyo atuzaniye, uhere hasi hashoboka, mu ndiba y'ubukene n'umuruho, igere kuri bose ntawe usigaye inyuma. Ibi rero nibyo byishimo bya Noheri.

Bavandimwe Noheri iba nziza isangiwe, isangiwe n'abato n'abakene, tuyisangiye n'abatishoboye impfubyi, n'abapfakazi, tuyisangiye n'abigunze n'abihebye, kandi muri iki gihe cya covid 19, turabafite bakeneye guhumurizwa, ngo bamenye ko twabonye Umukiza. Pawulo Mutagatifu rero ati : *" Nimureke tubeho mu bwitonzi. "*

Ibihe bya covid 19 biradusaba kubaho mu bwitonzi ku bw'umwihariko, kugira ngo turengere ubuzima bwacu n'ubw'abandi, biradusaba ubwo bwitonzi, tubeho kandi mu butungane, n'ubusabaniramana. Tuzirikana urukundo rukomeye n'ubuntu n'ineza Imana yatugiriye. Umuremyi w'ijuru n'isi yemera kuza kubana natwe, akinjira mu mateka ya Muntu n'umuruho wa muntu ari ukugira ngo adusangize ubuzima bwe, bidutsindira urupfu.

Bavandimwe rero tuzirikane ubwo bwitange, ineza n'urukundo Kristu atugaragariza, natwe twitangire abandi, bityo umukiro we udusakaremo, bityo tugire Noheri nziza kandi tuyisangire n'abandi bose, bagire Noheri nziza.

Nyagasani Yezu nabane namwe.